KIGALI, LE 27/1/98.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA**
**IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P. 1044 KIGALI**

Copy to S.G.

Bwana Munyamabanga Mukuru
muri MIJESCAFOP
KIGALI

Impamvu:
Kubohererereza
inyandiko -mvugo.

Bwana Munyamabanga Mukuru,

Hamwe n'iyi baruwa tunejejwe no kubohererereza inyandiko-mvugo y'inama n'Abakuru b'imishinga n'aba za Divisions yo kuri 20/01/1998.

Tubifurije akazi keza.

MUSONI James

Umuyobozi w'Urubyiruko

**INAMA YAKOZWE N'ABAGIZE KOMITE Y'INAMA NJYISHWANAMA YA DIRECTION JEUNESSE TARIKI 20/01/1998**

**ABARI MU NAMA:**

1. MUSONI James
2. RUSIMBI John
3. NSENGAH D.H.
4. HIGIRO Charles
5. MUNYANDAMUTSA Jean Paul
6. SALAAM J.M.Vianney
7. MUNYANGOGA Apollinaire
8. NYANSHAYIJA David

Kuwa 20/01/1998, Umuyobozi w'Urubyiruko Bwana MUSONI James yatumije inama yise "Consultative meeting" cyangwa Inama Njyishwanama y'abakozi bamwe bahagarariye imishinga kugira ngo bavutse umuco wo kujya biga kubibazo bya Direction kandi babishakire umuti.

Iyo Komite ikazaba ifite inshingano zikurikira :

(1) Gutegura ibikorwa bya Direction
(2) Guhuza no kunganirana mubikorwa bireba Direction
(3) Kureba ukuntu imishinga ya Direction yajya yuzuzanya
(4) Kureba imibereho n'imibanire y'abakozi ba direction
(5) Gukora isuzuma ry'ibikorwa
(6) Kureba uburyo ibyemezo byajya bifatwa biturutse mu nzego zo hasi
(7) Kugabanya kutumvikana kuriho cyangwa gushobora kuvuka hagati y'abakozi ba direction.

Abari mu nama bashimye icyo gitekerezo babona ko ari ngombwa kugirango abantu bakorera hamwe nk'abantu bafite icyo bahuriyeho. Ibyo byashimangiwe na Bwana NSENGAH D.H. wavuze ko hari imishinga imwe n'imwe ikunze kugira umuco wo gukora nk'uwigenga atanga urugero rwa J.S.D. Ugasanga abakozi bari muri Direction Jeunesse ari nabo batumye uvuka, badakunze kumenya ibikorerwa muri uwo mushinga. Umuyobozi wayo mushya Bwana MUNYANGOGA Apollinaire yemeje ko imikorere igomba kuvugururwa. Ko ntacyigomba gukorerwa mu mwijima.

Mu rwego rwo gutegura ibikorwa bya Direction, Umuyobozi w'inama yifuje ko byajya bikorwa mu mpera z'umwaka urangiye bagategurira umwaka mushyashya noneho, muntangiriro z'umwaka bagashakisha inkunga z'imishinga bateguye. Anasaba ko abakozi bajya bagerageza guhimba indi mishinga mishyashya. Anavuga ko kuva ubu, amazina azajya yohereza muri Cabinet asaba ko yakwemezwa mukuyobora imishinga iriho n'iyavutse, azajya abanza kubiganiraho niyo Komite ya direction. Ibi bizatuma kutumvikana gukunze kuvuka hagati y'abari mu mishinga n'abatayirimo kugabanyuka.

Kubyerekeye inkunga y'amafaranga agenewe imishinga, bikaba ngombwa ko byajya ahabona noneho Komite ikayakorera gahunda y'ukuntu yakoreshwa. Umuyobozi w'inama Bwana MUSONI James yongeyeho avuga ko imiryango nterankunga (Donors) batagomba kudutegeka. Urugero, niba hari nk'imiryango itatu iduhaye amafaranga yo kugura ibikoresho byo mu biro kandi hari akandi kazi gacyeneye amafaranga byihutirwa, ntabwo ako kazi kadindira. Ikindi iyo nama yar'igamije n'ukugira inama abayobozi b'imishinga kugirango bareke guta umurongo. Ibi byari bikunze kugaragara k'umushinga wa J.S.D. aho kenshi mubayobozi beguye basimbukaga urwego rwa direction bakumva ko bari mu rwego rwa Cabinet.

Abantu bagomba kubahana; hagira uta umurongo cyangwa agakosereza abandi; akaba yahanirwa mu gacaca k'abagize Komite. Icyo cyafashwe nk'ingamba muri iyo nama.

Hari ubwo imishinga yaguka ikaba minini cyane kuburyo usanga abakozi hafi ya bose bayinjiyemo nk'ingando. ubwo rero,haba hakenewe ko abakozi baba bazi ibikorerwa muyindi mishinga nubwo baba batayikoramo.

Inama yemeje ko hagomba kubaho Politiki ya buri mushinga igaragara kandi ikubahirizwa. Abayobozi b'imishinga bagatanga gahunda y'ibikorwa mbere y'igihe nuko Komite ikayigaho. Inama yongeye gusaba ko raporo zajya zitangwa vuba cyane ndetse isabiraho ko raporo z'umwaka urangiye zose zatangwa bidatinze nuko bakanatanga na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 1998.

Twasanze amanama nk'aya azadufasha no kujya dukora isuzuma ry'ibikorwa byacu tukareba aho bigeze bigatuma dushobora kwikosora aho bitagenda neza kandi naho bigenda neza tukarushaho gukorana umurava.

Abari mu nama baboneyeho umwanya wo kwiga kubyerekeye ishinga ry'inzego z'urubyiruko. Twasanze muburyo bwihutirwa, hagomba gushyirwaho urwego rw'agateganyo ruhuza inzego z'urubyiruko kurwego rw'igihugu. Urwo rwego arirwo ruzitwa Inama Nkuru y'Urubyiruko by'agateganyo ikagirwa n'abantu 43 muburyo bukurikira :

- Buri ankaderere ushinzwe perefegitura akohereza abantu 2 bivuga ko amaperefegitura 12 azohereza abantu 24.
- Imiryango y'urubyiruko ikohereza abantu bayiserukira 8
- kaminuza y'igihugu ikohereza abayiserukira 6
- Abantu bandi batoranyijwe muri za Minisiteri n'ahandi 5.

Inama yemeje ko abo bantu uko ari 43 batumirwa mu nama njyishwanama y'urwego ruserukira urubyiruko ku rwego rw'igihugu by'agateganyo nuko bakiga ukuntu bashimangira inzego zo hasi. Ibi bikenera ko hategurwa Semineri yabo kuburyo kuwa 10/02/1998 baba bari hamwe ndetse bakitoramo Komite Nyobozi nayo y'agateganyo. Iyo akaba ari intambwe yadufasha muburyo bwo gutegura ikiganiro mbwirwaruhame cy'urubyiruko rwo mubihugu byo mubiyaga bigari n'ibindi biri mukarere dutuyemo. Icyo kiganiro mbwirwaruhame giteganyijwe muri Gicurasi 1998.

Inama yasoje yemeje ko indi nama yabaho kuwa 27/01/1998 saa cyenda, hakazigwa ku mikoranire y'abakozi muri Direction ya Jeunesse, gahunda y'ibikorwa ya buri mushinga ndetse n'uburyo bwo gushyigikira iyo gahunda.

Umwanditsi w'inama

John RUSIMBI

JRusimbi.

Umuyobozi w'inama

MUSONI James